RWIYEMEZA.COM
Tel : +250788849310 / +250738849310 / +250725849310
Email : rwiyemeza@gmail.com

Uko urubuga www.rwiyemeza.com rukoreshwa

• Ujya kuri mudasobwa yawe cyangwa ikindi gikoresho cy’ikoranabuhanga gikoresha murandasi (Internet) ukandikamo ijambo www.rwiyemeza.com;

• Ukanda ahagenewe kwinjirirwa muri buri cyose kiba mu gikoresho uri kwifashisha (Inter/Entre);

• Ureba ahanditse indimi zikoreshwa n’igihangano ugakanda ku rurimi wifuza kubonamo amakuru;

• Urubuga ruhita rufunguka rugizwe n’ibice icyenda bikurikira:

I. Igice cyo hejuru ibumoso kigaragaza aderesi y’urubuga mu buryo burambuye

II. Igice cyo hejuru hagati kigaragaza Logo y’urubuga isimburwa n’amashusho bitwe n’icyo wakanzeho mu bigize urubuga

III. Igice cyo hejuru ibiryo kiriho inzira unyura ikwinjiza mu ntara iyo uhisemo ikaguha uturere tuyigize akarere uhisemo ukasangamo ibyiciro bitandukanye by’ubucuruzi na serivise wakwinjira muri buri kiciro ugasangamo ba rwiyemezamirimo bari muri ibyo bikorwa bitewe n’aho wakanze kandi winjiye. Aha uhasanga imyirondoro n’amagambo yamamaza ya buri rwiyemezamirimo. Ushobora no guhitamo hanze y’u Rwanda aho usanga ibihugu n’imigi muri buri mugi usanzemo ukabonamo ibyiciro cy’ibikorwa bikugeza kuri ba rwiyemezamirimo bitewe n;ikiciro wahisemo. (Munsi y’Intara uhabona imbonerahamwe wuzuzamo ibyo ubazwa ukabyuzuza mu gihe wifuza kwamamaza ibikorwa byawe by’ubucuruzi).

IV. Usubiye ahabanza ubona igice cyo hagati ku rubuga kigizwe n’amakuru anyuranye ajyanye n’umuco, ubumenyi rusange, ubukerarugendo n;ibindi bitandukanye ukandaho ugasomba ibikubiyemo birambuye uyobowe n’imiterere y’urubuga.

V. Iki gice cyo hagati kizengurutswe n’ibirango byamamaza mu buryo bukurikira:

- Ibumoso hari ibirango bigaragaza ibigo bitanga serivise z’ubwishingizi; Amabanki n’ibigo by’Imari,

- Hejuru hari ibirango by’ibigo bifasha muri serivise z’ itumanaho, ibikora ibikoresho by’itumanaho n’ikoranabuhanga muri rusange,

- Iburyo hari ibirango bigaragaza Inganda nini, Amaguriro manini n’Ibigo binini by’ubucuruzi bitandukanye,

- Munsi uhasanga ibirango by’ ibigo binini bitwara abantu mu kirere, kubutaka no mumazi, Amahoteri manini n’aringaniye, Amazu manini akodeshwa acumbikira abantu n’akorerwamo serivisi nyinshi kandi zitandukanye.

Iyo Ukomeje mu gice cyo hasi ku rubuga uhabona ibice bibiri binini by’ingenzi:

1. Igice kigaragaza aho ushobora kubona no kumva amakuru n’ibindi bifasha kwidagadura (Indirimbo;Amafilime,Amamatelevision n’amaradiyo)

2. Igice kigaragaza umwihariko w’urubuga (Aha uhasanga Linki zitandukanye zirimo aho unyura usura website z’inzego za Leta hafi ya zose; Ibinyamakuru byandikirwa kuri interineti; aho wasabira serivise zitandukanye ukoresheje interineti; aho wamnyera amakuru y’ibiciro by’ibiribwa, agaciro k’ifaranga n’ivunjisha, Inkoranyamagambo n’ibindi) aha kandi niho urebera abasuye urubuga uhereye igihe rwatangiriye gukora n’abarusuye kuri uwo munsi urwinjiriyeho.

Ikitonderwa 1 :

Buri cyose ukanzeho kuri uru rubuga, utegereza akanya gato cyane ubundi ugahita ubona amashusho n’ubutumwa bifitanye isano n’ikirango wakanzeho ibi ubibona hejuru ahagaragara logo ukinjira kandi bigakorwa muburyo buri otomatic. (Aho niho hagenewe kugaragaza buri cyose gisabwe n’usuye urubuga.) Iburyo bw’ayo mashusho uhita uhabona Amazina y’ikigo cyamamaza, aho gikorera, telefone wabarizaho amakuru arenze ayo wahawe n’urubuga, ukabona aho ushobora kunyura wandikira uwamamaza umaze gusura ndetse ukanabona aho wanyura usura urubuga rwe rwihariye atangarizaho ibikorwa bye mu buryo burambuye.

Ikitonderwa 2 :

Urubuga rwiyemeza.com rucungwa n’ikigo cy’ubucuruzi rwiyemeza Ltd, rukaba ari igihangano kirinzwe kandi kibungabunzwe mu buryo bw’amategeko mu miterere no mu mikorere mu rwego rwo kururinda kwiganwa n’uwariwe wese atabiherewe uburenganzira. Uru rubuga kandi rukazakomeza kwagurwa mu mikorere no muri serivise zitangirwaho hagamijwe guteza imbere ikoranabuhanga, kurwanya ubushomeri n’ubujiji; guteza imbere ubucuruzi n’ubukungu byo soko y’iterambere rirambye.